KA02 2122

# KANGURA

N°62 Du 1er au 15 Novembre 1994
IMPRIME A NAIROBI PAR NAIROBI PRINTER
Prix Zaïre 3.000 NZ; Tanzanie, Kenya 3$; Burundi 1.000 Fbu

*IJWI RIGAMIJE GUCYURA IMPUNZI Z'ABANYARWANDA*

## KUKI ABAHUTU BATAGIRA IBANGA

Uranyura aha ugatura n'abaturage, haba mu kabare, haba mw'isoko, haba mu bukwe ukumva umuturage arahanukiye ngo mbese tuzatera ryari ? Ngo mbese ibikoresho byarabonetse, ngo mbese ni dutera, abo tuzasanga mu Rwanda nta hazagire n'umwe tubabarira ? Iyo ibyo byose ubyumvise, ugira uti mbese abahutu bagira ibanga ? Ni mushyira mu gaciro. Kumenya niba amasasu ahari cyangwa adahari ... ? Kumenya uburyo tuzatahamo, n'aho tuzaturuka n'umuntu uzazaducika bibamariye iki ? Ese uwakwibesha akabibabwira mwabigira ibanga ry'iminsi ingahe ? Ese aho hose mubo, mutuye mubwirwa n'iki ko umwanzi aba adahari ndetse iruhande rwawe. Kandi nawe abaza ibyo bibazo... Nimumenye ko ibibazo ... ibindi mubirekere ababishinzwe, kandi babyiga. Nimushyire umutima hamwe mumenye ko rubanda nyamwinshi itazigera itsindwa, ko ahubwo izahobora guhura n'ibibazo, byaba iby'ubuhunzi cyangwa se ibindi, Ariko iyo ibyo bibazo bishize rubanda nyamwinshi ikemura ibibazo byayo uko ibyumva.

Ni muhumure uko tuzagenda twarateguwe ni urebe i ruhande rwanyu niba nta nyenzi iabanugaze, kandi mwabaze muta, ese biriya byose tubimenye byatumarira iki ? Ese mwibuka ko hari abahutu b'inda nini batesye kandi nabo barabazaga ibyo bibazo ? Ese iyo babimenya, ubu nti baba barabibwiye inyenzi ? Kandi mwibuke ko runyenzi ... byinshi, Cyane cyane ibikubiyemo ubugome. Ngaho nimukomere mushyitse umutima hamwe, mutekerez mushake ubwiyunge aho muri hose uko umuhutu atinda mu buhungiro bimwereka ko nta ... n'umututsi.

1. Le peuple rwandais en exil peut-il retourner au Rwanda ?
   ***Par Mbonampeka Stanislas.***
2. Je ne pouvais pas me permettre le luxe d'atterrir à Kigali sachant que les Belges étaient là. En janvier 1993, j'ai refusé catégoriquement que les soldats belges mettent les pieds au Zaïre. *Par Mobutu Sese Seko.*
3. Twasuye inkambi z'impunzi ziba mu mahanga. Zaïre, Gabon, Tanzanie, Kenya na Burundi.
4. Inkotanyi zaguze abasirikari b'abarundi mu kwica abahutu bahungiyeyo.
5. Imyiteguro yo gutaha mu kwa 12 igeze he ?

KA02 2123



# EDITORIAL

## KUKI ABAHUTU BATAGIRA IBANGA

Uranyura aha ugahura n'abaturage, haba mu kabare, haba mw'isoko, haba mu bukwe ukumva umuturage arihanukiye ngo mbese tuzatora ryari ? Ngo mbese ibikoresho byarabonetse, ngo mbese ni dutera, abo tuzasanga mu Rwanda ntihazagire n'umwe tubabarira ? Iyo ibyo byose ubyumvise, ugira uti mbese abahutu bagira ibanga ? Ni mushyire mu gaciro. Kumenya niba amasasu ahari cyangwa adahari bibamariye iki ? Kumenya uburyo tuzataham, n'aho tuzturuka, n'umuntu utazaducika bibamariye iki ? Ese uwakwibeshya akabibabwira mwabigira ibanga ry'iminsi ingahe ? Ese aho hose muba, mutuye mubwirwa n'iki ko umwanzi aba adahari ndetse iruhande rwawe. Kandi nawe abaza ibyo bibazo. Nimumenye ibibareba naho ibindi mubirekere ababishinzwe, kandi babyize. Nimushyire umutima hamwe mumenye ko rubanda nyamwinshi itasya itsindwa, ko ahubwo ishobora guhura n'ibibazo, byaba iby'ubuyobozi cyangwa se ibindi. Ariko iyo ibyo bibazo bishize rubanda nyamwinsi ikemura ibibazo byayo uko ibyumva.

Ni muhumure uko tuzagenda kwarateguwe ni murebe i ruhande rwanyu niba nta nyenzi iahahagaze, kandi mwabaze muti, ese biriya byose tubimenye byatumarira iki ? Ese mwibuka ko hari abahutu b'inda nini batasye kandi nabo barabazaga ibyo bibazo ? Ese iyo babimenya, ubu ntibaba barabibwiye runyenzi ? Kandi mwibuke ko runyenzi ashobora byinshi. Cyane cyane ibikubiyemo ubugome. Ngaho nimukomere mushyitse umutima hamwe, mutekerez mushake ubwiyunge aho muri hose uko umuhutu atinda mu buhungiro bimwereka ko ntacyo apfana n'umututsi.

**MU RWEGO RWO GUSHYIRA AHAGARAGARA ABAGURISHIJE UMUTUNGO TWAHUNGANYE KANDI UWO MUTUNGO TWARI KUZAWIFASHISHA MUKUDUCYURA, TURABASABA KUTWUNGANIRA, MUDUHA AMAZINA Y'ABANTU MUZI BAGURISHIJE IBYO BINTU, AHO BAGURISHIJE N'ABACURUZI BAFATANIJE.**

| IZINA | IBYO YAGURISHIJE | UWO BAFATANIJE | AHO UBU BABARIZWA | IKINDI UTEKEREZA |
|---|---|---|---|---|
| | | | | |

KA02 2124



## INDI SURA Y'INTAMBARA YO MU RWANDA cyangwa INDI SURA Y'INKABA Y'AMARASO YAMENETSE MU RWANDA

Twabeshywe byinshi ku ntambara y'amoko yabereye mu gihugu cyacu.
Byanditswe na Harold Marwitz, Intumwa idasanzwe ya Washington Times.

Isi kugeza ubu yagejejweho amakuru y'akaga k'u Rwanda ariko nta bageragaje cyane gusobanura impamvu amaraso yamenetse na nyarabayazana w'ayo makuba.

Bakomeje kwivugira ngo ibyabaye mu Rwanda byatewe n'intambara hagati y'Abatutsi (15% by'abaturage) n'Abahutu nyamwinshi. Amateka y'icyo gihugu ariko yo atanga igisobanuro kinyuranye n'icyo: byose byatewe na Uganda yateye inkunga impunzi z'abatutsi harimo n'akagambane k'abayobora politiki mpuza-mahanga ya Etazuni.

Ibyabereye mu Rwanda byatewe n'ibitero simusiga by'impunzi z'aba-nyarwanda b'abatutsi, abana babo n'abandi (ntavuze), babishyigikiwemo n'ingabo za Uganda. Abo batutsi bari barahungiye muri Uganda mbere y'uko u Rwanda rwigenga muri 1962. Bahunze na none mbere y'amatora ya Kamarampaka yayobowe na ONU hanyuma akaza gushyira abahutu ku ntebe.

Kwemeza nk'uko "impuguke" zabikoze ko guverinoma y'abahutu urebye itari yemewe n'amategeko, ko abubwo ingabo zivuye mu bagize 15% by'abaturage kandi zidafite abazishyigikiye mu gihugu ariko zifashwa ku buryo bwose na Uganda zatsinda abasirikare 17.000 nabyo byiyongeraho 20.000 by'interahamwe mu gihe cy'amezi atatu nta bushishozi bwarimo. Nyuma y'amezi menshi y'amakuru afutamye, izo mpuguke nonebo zitangiye gukosora ibyo bavugaga mbere ku Rwanda.

Guhera muri 1989, ambasade za Etazuni zoherezaga za telegaramu i Washington zivuga ko hari inkuru z'impamo zitanzwe n'abasirikare b'abanyamahanga babaga mu Rwanda, zemezagako Uganda itera udutero shuma kandi ikaba yitegura gutera u Rwanda.

Muri 1991, hoherejwe bene nk'izo telegaramu byibuze 56. Muri uwo mwaka kandi umukozi wa USAID yateguye ndetse akwirakwiza muri ministeri y'Ububanyi n'Amahanga ya Etazuni no mu biro bikuru bya USAID inyandiko yibaza impamvu igihugu cye gitera inkunga Uganda mu rwego rwa gisirikare no mu bukungu kandi Kampla iri mu gufasha impunzi z'abatutsi kuvanaho ubutegetsi bwemewe n'abaturage b'igihugu cy'inshuti.

Hari kandi amakuru yemeza ko abasirikare bakuru b'abatutsi baboneye imyitozo muri Etazuni kandi bafite imyanya ikomeye cyane mu ngabo za Uganda. Amakuru dufite ntabwo arambuye cyane kuri iyo ngingo. Icyakora nuko hagati ya 1989 na 1992, Uganda yahawe imfashanyo ya gisirikare itagera kuri miliyoni y'amadolari, ibyo bikaba bidakanganye cyane.

KA02 2125



## BIRENGAGIJE ITEGEKO RY'ABADEPITE.

Tuzi ko Paul Kagame, umutware w'inyeshyamba akaba na visi prezida wa FPR yize muri Etazuni (yize mu ishuri ryitwa US Army Commad and Staff College riri Lavenworth, Kansas). Byafashije rero abashinzwe politiki y'ububanyi n'amahanga za Etazuni kwerekana uruhare igihugu cyabo cyagize mu gufasha inyeshyamba.

Kuva ayo makuru yatangwa muri 1989, nta cyemezo ko abo bategetsi bagerageje gukoresho imfashanyo yo mu rwego rw'ukungu ngo gahagarike ibitero bishyigikiwe na Uganda.

Ingingo ya 719 y'itegeko ryo muri 1980 rigenga uko Etazuni itanga imfashanyo rigira riti: "Prezida azashyigikira amatora adafifitse muri Uganda kandi mu gufasha icyo gihugu, akabanza akizeza ko ayo matora koko yabaye."

Nyuma y'imyaka hafi 14 nta matora abaye, amabwiriza y'abadepite asa n'ayirengagijwe kubera ko Uganda yasaga n'ishaka kugendera ku matwara ya gikapitarisiti mu kuvugurura ubukungu bwayo kandi ishaka n'inkunga y'amahanga.

Hagati ya 1989 na 1992, Etazuni zageneye Uganda hafi miliyoni 183 z'amadolari mu rwego rw'ubukungu maze ibyo biyifasha kwivanga mu ntamara yo mu Rwanda. Ku mpamvu zitarasobanuka neza, abacura politiki y'ububanyi n'amahanga ya Etazuni ntibashatse gukoresha iyo mfashanyo ngo bakosore Abaganda.

Urebye rero ubwo bucuti bw'agakunga, ntawe byatangaje igihe icyegera cyihariye cya Prezida Yoweri Museveni yacakirwaga na gasutamo za Etazuni muri 1991 kigerageza kugura magendu misile TOW zikorerwa muri Etazuni. N'ubwo batamushyize mu nkiko kubera yafashwe nk'umudiplomate, hari abavuga ko izo misile zari zigenewe FPR.

Abitewe n'amahanga yasakuje ngo yorohere abatutsi, Prezida w'u Rwanda Yuvenali Habyarimana yafashe icyemezo muri 1991 kigoye cyo kurekura imfungwa 13.600, harimo n'umukozi wa USAID wakoranaga na Uganda.

Mu gikorwa cy'ubupfura budasanzwe muri Afrika, Bwana Habyarimana yashyize muri guverinoma n'abamurwanya, nk'abatutsi, kandi muri 1993 ashyira umukono ku Masezerano y'Amahoro y'Arusha, yayobowe na ONU, ndetse na Etazuni ikayagiramo uruhare.

FPR n'Abaganda bo icyo gikorwa kigamije ubwiyunge bw'Abanyarwanda bakibonye nk'aho Habyarimana aganjwe maze bakaza murego mu gutegura ibitero. Ibyemezo byinshi byo kudohora Habyarimana yagiye afata, ninabyo byatumye igihugu cye n'abaturage be bafatwa, byaterwaga n'agahato k'abazungu babemberzaga Uganda mu gihe bafasha u Rwanda ari uko barushyizeho amananiza.

Hagati ya 1989 na 1992, u Rwanda rwabonye inkunga itagera no kuri 50% y'iyo

KA02 2126



Uganda yahawe mu rwego rw'abakenga na gisirikare. Ibyo ubigeretelio n'uko ONU yananiwe kwambura intwaro ingabo zihanganye no gushyira mu bikorwa Amasezerano y'Amahoro, byatumye abatera babibonamo uruhushya rwo gusenya igihugu.

## UMUHUTU W'UMUTEGETSI UHAMYE.

Urebye mu karere u Rwanda rurimo, Habyarimana yari umutegetsi ureba kure wakoze ikosa ryo guhitamo amahoro akibagirwa amutekano kandi akaba kugeza Uganda yatera, yarayoboraga kimwe mu bihugu by'amahoro kandi byifashe neza muri Afrika ubundi izwi cyane cyane kubera ubusahuzi n'ukwenderez aho gukora neza.

Ku butegetsi bwe, u Rwanda rwashoboye kwirinda ibyorezo by'intambara z'amoko ziyogoza buri gihe u Burundi kenshi ku buryo umuntu yabyibazaho.

Ibyo ariko si ukuvuga ko abatutsi bari bafashwe kimwe n'abahutu cyangwa se ko nta bindi bibazo by'ingutu byariho. Urugero: Ubukungu bw'u Rwanda hagati ya 1990 na 1993 bwari bwaranizwe neza neza na Uganda yanze ko ibicuruzwa n'intwaro by'u Rwanda binyura mu gihugu cyabo biturutse ku cyambu cya Mombasa. Iyo politiki yateye inkunga abateraga u Rwanda maze bituma ipfukama.

Guverinoma n'abadepite ba Etazuni, bose bemezaga ko u Rwanda rutera imbere muri demokrasi no kwiyunga kw'abaturage. Sous comité y'abadepite igihe yigaga uko Etazuni zizafasha amahanga muri 1995 yasanze ko "nyuma y'imyaka hafi itatu y'intambara, u Rwanda noneho rushobora kwizera amahoro kubera Amasezerano y'Amahoro yo muri Kanama 1993. Ibyabaye hagati y'ibyo abadepite banditse n'igihe guverinoma ya Etazuni yamaganiye guverinoma yose y'u Rwanda ugo ni agatsiko k'abarondakoko kayoboye ubwicanyi ntabwo bisobanutse. Ibigaragara ni uko inzira ndende yateguraga demokrasi mu Rwanda yasibwe n'ibitero bya FPR ishyigikiwe na Uganda, izo na none gusibwa na Etazuni ku mpamvu zitazwi. Yenda Leta Zunze Ubumwe nazo ntizari zizi neza ibyatumye Abanyarwanda bahunga byatewe n'uko igihugu cyabo cyatewe cyangwa ko abaturage basubiranyemo (guerre civile). Iyo babimenya neza mbere hose byari kugaragara ko baciye ku itegeko ryo muri 1961 rigenga uko bazajya bafasha amahanga kuko bateye inkunga Uganda igihugu gishyigikira inyeshyamba kuvanaho guverinoma y'u Rwanda yatowe n'abaturage.

## UBWORA KAMERE.

Mu gihe abahanga mu by'amategeko mpuzamahanga bazajya impaka kuri iki kibazo, abazashaka kugisobanukirwaho bagombye kwibuka ko cyasuzumwe na

KA02 2127



guverinoma ebyiri za Etazuni (Bush na Clinton).

Umuzi w'akaga k'u Rwanda ni muremure kandi uva ku bwoba kamere burangwa hagati y'amoko abiri kuva kera cyane. Intambara tugiye kuvamo yaranzwe n'ukwendereza gukabije kw'abatutsi kwakurikiwe n'ukwihorera kudasanzwe kw'abahutu. Intambara z'amoko zikazwa n'uko imipaka y'ibihugu yashyizweho n'abazungu ntacyo baherey eho kandi n'Abanyafrika bakaba bakomeye ku moko yabo nk'uko babitijwe n'Abadage, Ababiligi n'Abafransa mu gihe cya gikoronize. Icyo gihe izo ntambara zakongezwaga n'abazungu bashaka gutegeka abirabura babarushaga ubwinshi. Iyo politiki iracyariho kuko yakomeje gukoreshwa nyuma y'ubukoronize na za guverinoma zitegekwa n'abava mu moko ataremereye ngo bashobore kugenza andi moko abarusha amaboko.

Igihe demokrasi igarukiye muri Afrika, ubutegetsi bw'abo mu moko adakomeye nk'i Burundi, aho abatutsi bagumanye ubutegetsi ku ngufu, bushobora kugumaho ari uko habayeho ubwicanyi bwa buri gihe aho ibihumbi amagana by'abahutu, abagabo, abagore n'abana bishwe n'abatutsi nyakamwe.

Ubwo bwicanyi i Burundi mu myaka myinshi ishize bwatsembye abahutu basigaye badafite abantu baragara. Muri Coup d'Etat yo muri 1993, abatutsi bishe umuprezida watowe n'abaturage maze bafata ubutegetsi bisasiye abantu batabrika. Byabaye isomo ribi ku bantu bose bigisha amoko kubana mu mahoro.

Niyo mpamvu, abatutsi n'igitero cya Uganda mu Rwanda byagaragaye nk'aho ak'abahutu kashobotse. Ibi byibutsa ukwihorera guteye ubwoba kw'abahutu kwateye ibibazo ubu Etazuni ziri mu kwivurugutamo.

Abahutu bahunze u Rwanda ibyo barabibona ku buryo iyo Umunyamabanga Mukru wa ONU cyangwa Prezida wa Etazuni bavuze ngo nibatahe basanga batazi ibyo bavuga.

Abategetsi b'abigabije u Rwanda ni abatutsi bavuga icyongereza ba turutse muri Uganda (u Rwanda n'u Burundi bivuga igifransa), bigeze kugira pasporo za Uganda kandi bakisararanga bonyine bavuga iby'iyi ntambara mu binyamkuru. Abo bantu kandi bafashije Prezida Museveni wa Uganda kuvanaho Milton Obote wari umusosiyalisiti.

Kuva icyo gihe babaye abafasha b'imena ba Museveni ndetse bashobora no gufata umwanya we urebye imyanya ikomeye bari bafite mu ngabo za Uganda.

KA02 2128



## NI NDE WISHE HABYARIMANA ?

Byatangiye bumvisha ibinyamakuru n'isi yose ko impanuka y'indege ya Habyarimana yetewe n'abaturage be kugirango bashobore kwica abatutsi n'abahutu bacisha make. Ariko kubera ko muri Kigali hari ingabo nyinshi za FPR hakurikijwe Amasezerano y4Arusha, FPR yashoboraga bitayigoye kumuhitana.

Bari bafite inyungu nyinshi mu rupfu rwa Habyarimana. Mu gihe inyandiko zivuga ib[illegible] mpanuka bavuga ngo ni "amayobera", ibyo ntibivuga gushyira igihugu mu ngorane za politiki.

Icyo ibinyamakuru na Etazuni batajya bemera nuko akaga kagwiriye u Rwanda katari kuba iyo FPR na Uganda bidatera igihugu cy'abaturanyi ngo bashyireho guverinoma itarangwa na demokrasi kandi ishingiye ku bwoko bwa bake mu gihe u Rwanda rwashakaga uburyo bwo guhuza z'abahutu ni'abatutsi.

Kwibwira ko abatutsi bazasangira ubutegetsi n'abahutu rubanda nyamwinshi ni ukutibuka amateka y'ukuntu abahutu batotejwe buri gihe cyose bototeraga ubutegetsi bw'abatutsi muri ako Karere k'Afrika.

Muri za 70 na 80, abatutsi b'i Burundi bishe byibuze abahutu 450.000 bituma bamwe bahungira muri Tanzaniya. Ntaho bataniye n'abahutu baronda akoko (kugira ngo tubatandukanye na guverinoma y'abahutu bacisha make) bayoboye ubwicanyi nyuma y'urupfu rw'umutware wabo. Imyifatire yabo irerekana ko bashaka gutegeka igihugu kinini, gihuza abatusi b'i Rwanda, Burundi ndetse na Uganda.

Duhereye ku mateka maremare y'ubushyamirane hagati y'abatutsi n'abahutu muri ako karere, amarorerwa yagiye akorerwa mu rwego rw'ubukungu, gisirikare kuva kera ayo moko mu rwega rw'ubukungu, gisirikare no gutasha imbabare, abategetsi [illegible] Etazuni bavuga ko uguhunga kw'abahutu kwabatunguye bagezwaho amakuru abogamye.

Hagati ya 1962 na 1992 Etazuni zahaye guverinoma y'abatutsi b'i Burundi miliyoni 131,4 z'amadolari mu rwego rw'ubukungu na gisirikare. Nyamara iyo guverinoma yahitanye abahutu bageze kuri 450.000. Etazuni kandi yahaye miliyoni 211 guverinoma y'abahutu b'i Rwanda. Yo kugeza ubwo Uganda itereye bwa nyuma, habaye intambara y'amoko rimwe risa, ni ukuvuga hagati y'ubwigenge n'igihe abahutu badacisha make batsembatsembeye abatutsi.

Harald Marwitz yari ashinzwe USAID luri Afrika y'iburasirazuba (Kenya, Uganda, Tanzaniya, Rwanda et Burundi) kuva muri 1987 kugeza muri 1991. Bimwe mu bivugwa muri iyi nyandiko ye yabyiharariyeho. Ubu ashinzwe urwego rw'imari ya USAID muri Afrika yo hagati.

Byavanywe muri Washignton Times yo kuwa 11/8/94 urupapuro rwa A12.

KA02 2129



# IBIBERA MU NKAMBI YA KATALE NI AGAHOMAMUNWA !

Hashize igihe kinini mu nkambi ya Katale hashimutwa abantu, ariko ntihamenyekane, abo bagizi ba nabi. Kubera ikibazo cy'umutekano, impunzi zasabye ko hashyirwaho umutwe w'abantu bise abasekirite (sécurité). Akaba ariwo ubungabunga umutekano wabo. Ubwo bagiye bahitamo abasore b'inyangamugayo muri buri Segiteri bazwiho ubwitonzi aba aribo bafasha abaturage. Ariko kandi barabo gutoteza abaturage bafata ibiryo byabo neza kubera ko ubusahuzi bwari bumeze nabi. Icyo gihe, nta muntu w'umunyantege nke wafataga ibintu bifite agaciro.

Haje kuza umukobwa witwa Aline wakoraga muri CARE CANADA, bavuga ko akomoka muri Kenya. Hari n'abemeza ko yabaye mu Rwanda. We yarwanyije uwo mutwe w'abasekirite, ashyiraho uwe awita abaskuti. Yibanze ku bantu bari basanzwe barangwa n'imico mibi. Aba représentant bose bavuze ko ibyo bintu, bidashoboka. Ko umuntu uteza désordre ataba umusekirite kandi imico ye itanditse neza. We yaranze kubera ko yari afite icyo agamije, n'icyo ashaka kugeraho. Abantu bari basanzwe bazi abo bantu nibo babanje kugira impungenge, kubera ko abo bantu ari bo bandi batigeze basabikirana n'abandi bantu barangwa n'imico myiza. Ko bibera muri prison bari gihe. Mbese umuntu yavuga ko ari ibikoko.

Ibyo byaje kumenyekana gute ? Kubera ko abo bari bamaze kwinuba ibikorwa bibi byabo bagizi ba nabi, bifuje ko hashyirwaho undi mutwe wo gufatanya nabo kugira ngo ujye urenganura abantu barenganywa. Dore ko hari représentant wa komini bashimuse akabura burundu. Uwo bari bamaze gutora na none kugira ngo ahangane nabo, iryo joro baraye bamwishe. Hanyuma bafata abantu bamwe muri iyo kipe ya Aline, barababaza, bo ubwabo biyemerera ko bakorana n'inkotanyi, ko ngo hari abantu mirongo itatu (30) b'inkotanyi bakorana nabo. Ngo bakaba batite misiyo yo kwica aba représentant bose baba mu nkambi ya Katale, abasirikare n'abandi bantu bose bigeze gukina politiki mu Rwanda. Ariko rero abasirikare ngo bifuzaga cyane ni abajepe. Ngo abo bantu Aline yari yariyemejeko agomba kubahemba amadolari uko bishe umuntu. Uwo muntu rero bishe n'ubwo yitabye Imana, yabaye igitambo cy'abantu benshi bari bagiye kuzira akarengane. Uyu Aline rero ngo nti yari wenyine ngo afite abazungu bafatanyaga bo muri CARE CANADA, n'umuzungu witwa GERARD, wazanaga indege yo mu bwoko bwa kajugujugu agata impapuro mu nkambi ya Katale.

Izo mpapuro zavugaga ko mu Rwanda imyaka yeze, ko hari imiti, ndetse n'amazi meza. Hakabamo n'ibishushanyo byerekana abantu barwaye, bishwe n'inzara, batumbye inda, n'abandi barangije kuvamo umwuka. Mbese njyewe uko nabibonye yibanze ku buzima bw'impunzi igihe zari zimaze kwambuka muri Zaïre, n'ukuntu zapfuye ari nyinshi.

KA02 2130



Ikigaragaza ko ibi aribyo, nuko CARE CANADA yahise ihagarika imirimo na Aline agahita abura. Icyo gihe impunzi zamaze icyumweru kirenga zidafata ibyo kurya, ibintu byari bigiye kuborera mu nkambi kubera imvura nyinshi. None ubu basimbuwe n'abayapani nibo batanga ibyo kurya mu nkambi ya Katale. Uwo mukobwa Aline ibintu yakoraga wasangaga koko akorera inkotanyi, kuko no mu manama wasangaga ashaka kunaniza ibintu, no kugira ngo abaturage basubiranemo, hanyuma bababfungire imfashanyo. Mu by'Imana rero ibyo byose byabaye imfabusa.

Uwo mu kobwa w'umunyakenya ntawamenya impamvu yakoraga ibyo niba yarabifitemo inyungu cyangwa se niba hari igihembo yahabwaga n'inkotanyi. Ngo yari azi ko impunzi nibamara kuzifungira imfashanyo, bazazisubiza mu Rwanda ku ngufu, ngo hanyuma inkotanyi zikabona urubuga rwo guhora. Dore ko zivuga ngo zirifuza umutungo wazo uri muri Zaïre. Sinzi rero inba n'abantu ari umutungo.

Bantu rero muri mu nkambi ya Katale mube maso, kuko umutego w'umwanzi uri hose. Ngo hari izindi nkotanyi ijana zihishe mu mpunzi kuira ngo zijye zizana rwaserera mu nkambi kugira ngo abatanga imfashanyo bafunge ibiryo, kandi ngo impunzi zisubizwe mu Rwanda ku ngufu. Abo mu zindi nkambi namwe, musabwe guhumuka, kuko ibyabereye mu nkambi ya Katale bishobora kuba n'ahandi. Imana yagejeje abayo muri Zaïre, niyo izabacyura. Kandi ngo umwanzi agucira akobo Imana igucira icyanzu.

## TUGOMBA GUTAHA KU NGUFU KANDI VUBA

Turambiwe n'agasuzuguro k'abanyamahanga bigabije igihugu cyacu mu gihe hirya no hino ku isi ikibazo cy'u Rwanda aricyo kirimo gicicikana biga ukuntu Abanyarwanda bataha mu byabo mbere yuko uyu mwaka urangira, agasuzuguro FPR irimo igaragaza gateye iseseme.
Abatutsi bavuye i Burundi ntibashobora kuva mu mazu yacu bafashe ku ngufu, iyo uhingutse aho kugira ngo bayavemo bahitamo kukwicisha ariko bakaguma mu nzu yawe nkaho bayishyizeho itafari. Ubu Kigali umurwa mukuru wuzuyemo abatutsi bavuye Burundi, Uganda, Zayire n'ahandi. Umujyi wose wa Kigali nibo buzuyemo, biragoye kugira ngo abo batutsi bave muri ayo mazu, baratubwira bati, ese tuyavemo tujye he ? Ese kuba FPR yaratsinze si abana bacu twatanze bakajya kugwa ku rugamba ? Bati ese si imisanzu yacu twatanze dukesha iyi nsinzi ya FPR ? Bati ese turamutse tuvuye muri aya mazu y'ubuntu tukajya kwangara twaba tubara koko? Nguko uko abatutsi bahitamo kwica abahutu aho kubavira mu mazu.
Na Kagame ntashobora kubavana mu nzu cyangwa kubabuza kwica.
Inkotanyi zijya gufata Kigali, Kagame yanyuze i Bujumbura abwira abatutsi

KA02 2131



baho ko bagomba guhita bajya mu Rwanda ngo abantu barashize ngo nta bakibaho. Ubwo benshi bagurisha ibintu byabo kuko baje bizeye iby'ubuntu. Kubera ko ubu mu Rwanda abatutsi bazi ko batsinze, bahitamo gutekereza ko buri muhutu agomba kwicwa yaba mwiza yaba mubi yaba afite icyaha yaba ntacyo ngo nibwo buryo buzatuma bagumana ubutegetsi.

## NTA MUHUTU UFITE IJAMBO MU RWANDA.

Nubwo Bizimungu , Twagiramungu ari abahutu nta jambo bafite kuko bene wabo bicwa bazize ubwoko. Barangiza bagahakana ko nta muhutu wicwa. Ubu amahanga amaze gutanga ibimenyetso byinshi byerekana ukuntu abahutu bicwa, akanemeza ko abazicwa mu minsi iri imbere aribo benshi.

## TUZATAHA KU NGUFU DUTE ? RYALI ?

Ubu aho bigeze mu Rwanda umwanzi wacu arazwi, uwatwirukanye turamuzi, aho atuye turahazi, buri muntu nuko yifite agomba guhora yiteguye kujya kubohoza igihugu cyacu n'intwaro zose zishoboka yabona hafi. Ingabo zacu nizigire vuba tuzunganire maze tugende nibura dufate Prefegitura eshatu (3) maze agasuzuguro ka bariya batutsi gashire. Abahutu bamaze kuba ibyitso by'inkotanyi iyo mu Rwanda, nabo akabo kazashoboka. Nta gutegereza ngo tuzataha ryali, nta gihe cyo gutegereza, tugomba gutabara igihugu vuba, maze agasuzuguro ka runyenzi kakagaragara. Guhera ku mwana w'imyaka itandatu agomba kwitegura naho yakoresha amabuye, inkoni, tugomba guhuza ingufu zacu zose, wenda tukajya gupfira mu Rwanda aho kugwa mu mahanga. Ariko kandi muzi neza ko, ntabapfira gushira. Tugomba kwereka inkotanyi ko zibeshye mu kwigabiza igihugu cyacu. Niba inkotanyi zitemeye ko habaho imishyikirano y'itahuka, niziduteger eze vuba aha turaje. Maze tuzereke ko rubanda nyamwinshi tudakina. Ubu noneho turavuga rumwe, kandi tuzaturuka imihanda yose, haba imbere mu gihugu, haba hanze y'igihugu. Rubanda nyamwinshi igomba kwitegura intambara yo kubohoza igihugu ubu kandi twavuze uwumva yumve, utumva nawe azabona.

NGEZE HASSAN.

## ESE ABAHUTU N'ABATUTSI BASHOBORA KWIYUNGA NO KWUMVIKANA

Biragoye kwumva uburemere bw'iki kibazo kuko mu Rwanda twari tumaze imyaka irenze 20 ku butegetsi bwa HABYARIMANA. Icyo gihe cyose ubumwe bw'abahutu n'abatutsi wasangaga baririmbwa ku muvwa ariko ntawe ubyemera ku mutima. Ibyo byose nibyo byaje kutuviramo ariya

KA02 2132



marorerwa yabaye muri iyi myaka ine ishize y'intambara. Ku butegetsi bwa Habyarimana byari bigoye kwumva ko abanyarwanda babaga mu mahanga bashobora gutera, aha ndavuga abatutsi biyise inkotanyi. Ikibazo cy'amoko cyari kimaze kwibagirana burundu, ariko aho amakosa yakorwaga nuko mu kwibagirwa icyo kibazo byakorwaga nabi. Urugero ntawibagiwe ko nta moko mu Rwanda abihereye ko nta gaciro ka moko. Byari kuba byiza iyo umuntu yubaha mugenzi we atarebye ubwoko bwe. Ahubwo akamwubahira uko ateye, uko atekereza, n'icyo amariye abandi. Aho byapfiriye rero ikibazo cy'amoko cyashyizwe imbere mw'isaranganya ry'imyanya mu minsi ishize. Wasangaga abahutu barega abatutsi ngo nibo bihariye imyanya iryoshye yo mu miryango mpuza-mahanga, no mu mabanki. Kandi abo batutsi sibo bihaga imyanya. N'ubutegetsi bwari ho bwarabikoraga, ugasanga n'abatutsi ubwabo bibaza icyo abahutu babaziza, kandi iyo myanya itangwa n'ubutegetsi buri mu maboko y'abahutu. Abatutsi baravugaga bati, aho kugirango muhore mwivovota ngo twabatwaye imyanya myiza, namwe muzayisabe bene wanyu b'abahutu bategeka, dore ko ari nabo bayiduhaye. Naho kutuziza ko dukora akazi dufitiye ubushobozi, kwaba ari ukutuziza ubusa. Kuri icyo kibazo rero wasangaga abahutu batacyumvikanaho. Dore ubu duhunga, twese twari tuziko abatutsi aribo batwirukanye mu gihugu. Ibyo byose bikaba byerekana ko abahutu n'abatutsi bashobora kwongera kwiyunga babyumvise kimwe. Kugira ngo bishoboke bisaba iki:

Kuva intambara yatangira muri 1990 amoko yose yahuye n'ibibazo bingana. Abahutu bapfushije abarenze miliyoni kuva intambara yatangira. Abahutu barahunze bahungira mu mahanga aho abatutsi bari barahungiye, usibye ko abahutu bahapfiriye ari benshi ugereranije n'umubare wabo, bakaba barazize cya cyorezo cya Korera. Abahutu bose baribwe, bafata ibyabo mu Rwanda. Muri make ibibazo abatutsi bahuye nabyo muri iyi ntambara, nubwo byakururwe na bene wabo biyise inkotanyi, ibyo byago byose n'abahutu bahuye nabyo, bikaba bishobora kuzaba intandaro y'ubumwe bw'abahutu n'abatutsi. Inkotanyi kuba zarageze ku butegetsi zibikesha amaraso y'abanyarwanda menshi zamennye cyangwa zatumye ameneka. Muri ayo maraso habonekamo ay'amoko yose, mu turere twose tw'u Rwanda. Inkotanyi rero zagombye kumenya, kwemera amakosa zakoze yo gutera igihugu mu buryo bitize neza, ngo zirebe ingaruka bizagira. Niba ayo maraso ariyo yatumye zigera ku butegetsi, n'uko tutazabyibagirwa. Kuba abahutu barahunze ni ukubera gutinya ukuntu bazi imikorere ya FPR.

KA02 2133



cyane BIZIMUNGU, TWAGIRAMUNGU na NDAGIJIMANA, ubwo bukeye bwaho yatangiye kuzinga utwe ashaka uko yaceka. Ku byerekeye ubwicyanyi F.P.R. yitegura kuzakorera abahutu. Minisitiri Ndagijimana abafitiye ibimenyetso, cyane cyane ko na Kagame yavuze ko asigaye chance ya nyuma yo kuzinduko, yageze muri Amerika atekereza bamwe mu bategetsi bicyo gihugu ukuntu inyenzi zirimo zisenya amazu n'inganda by'abahuu bahunze. Cyane cyane urugero yatanze n'urw'amazu ya KABUGA-MIRONKO n'abandi. Yanze ko iyo chance Kagame avuga asigaranye ya nyuma izamubazwa. Ubu turi kumwe nawe mu bitekerezo mu buhungiro. Ngaho rero Minisitiri arahunga, ntacyo abuze, none ngo wowe uratashye ? Taha wowe ufitanye ubuvandimwe na runyenzi.-

## INKONTANYI 300 ZOHEREJWE MU MUJYI WA GOMA KWICAMO ABAHUTU

Nkuko twabibwiwe n'abatwohererereza amakuru baba mu Rwanda, ngo inkontanyi zoherejwe mu mujyi wa Goma zigera kuri 300 zahawe ubutumwa bwo kwica abanyapolitike, abanyamakuru, n'abayobozi b'ingabo zacu zitaretse nabo bita interahamwe nkuru. Ubu akazi kazo karatangiye ku buryo zatangiye no kwiba abantu zikabambukana ku mupaka. Izo nkontanyi zigomba gushakishwa hose zitarakora ishyano, dore ko zahawe za mbunda za Pisitole. Zigaragara mu Bubari, mu ma Resitora no mu nkambi ubu zigiye kuhashinga ibirindiro. Dore amazina yabafatanywe imwe muri izo nkontanyi :

- NGEZE HASSAN
- BIKINDI SIMON
- GENERAL BIZIMUNGU
- GENERAL KABILIGI
- MINISITIRI MUgenzi

Iyo listi yafatanye abasore bemeza ko buri gatsiko kagiye kagira abo kagomba guhiga. Si i Goma gusa izo nkontanyi ziri, kuko ni Bukavu, Uvira naho ngo zigiye kuhashinga ibirindiro. Nguko uko bimeze. Mube maso, mwibuke wa mugani. Ngo urucira muka so rugahitana nyoko.

## URUKIKO MPUZA-MAHANGA NI RWEMERWA TUZABURANIRA HEHE ?

Dore ikibazo cy'ingutu nkaba umuntu.Abantu benshi bari baza aho twaburanira urukiko rumaze kujyaho. Nkuko amategeko mpuza-mahanga abivuga urwo rukiko ni rujyaho rushobora kugashyirwa i lake mu Buholandi.

Ubwo bizasaba indege zo gutwara abazaburana. Amafaranga yo gukodesha izo ndege rero azakangwa n'ibihugu bizaba bifite inyungu muri urwo rukiko.

**HAZAREGWA BANDE RERO**

Kugera ubu FPR yagaragaje abo izarega. Habonekamo abantu bose bagaragaje ko batemera ibyayo, haba mu bikorwa cyangwa mu bitekerezo. Waba

KA02 2134



warakoze icyaha, cyangwa ntacyo. Gusa ibyo ibikora igira ngo itere ubusembwa buri muhutu wagaragaye ko yahagararira bagenzi be mw'igabana ry'ubutegetsi riramutse ribaye.

**TWE TUZAREGA NDE RERO**

Ubu komisiyo ibishinzwe yarangije gukora iliste y'abantu bose FPR yishe guhera muri 1990, kugera ubu, aho yafatiye ubutegetsi. Abo tuzarega muri FPR, nabo ubu baramenyekanye. Ibyaha byakoze ubu byose byashinzwe ku murongo. Twizeye kandi ko, mbere yuko dushyikirizwa urukiko hazabanza kuburana abishe Perezida HABYARIMANA n'abari kumwe nawe. Tuzanaboneraho kumenya icyo abafaransa batekereza ku baderevu b'indege yari itwaye HABYARIMANA bagapfira hamwe. Ubu dosiye yose yarateguwe.

Umwaba azi ukuntu abantu barimo kwicwa mu Rwanda, kugeza magingo aya, yabitwohereza tukabyongera ku bindi dufite. Umvako FPR izi kuburana da !

**NI ABAHE BANYEPOLITIKE TWAHUNGANYE BADUSAHUYE**

Nkuko twabibasezeranije mu nimero zacu zashize, amarorerwa twakorewe na bamwe mu bategetsi twahunganye arenze urugero. Muribuka ko twabasezeranije kuzabagezaho ilisite iriho abo bahemu, ariko kubera ko tugikora anketi izatugeza ku mubare. Nyawo w'ibintu byibwe, tukamenya umubare nyawo, w'abo basahuzi, turabasaba kugomeza kutwihanganira, ahubwo uwaba afite ibimenyetso, akaba yatugezaho abibye n'ibyo bibye, bityo hakazakorwa idosiye igaragara y'abo bagambanyi. None se umuntu ureba uko twasohotse mu gihugu ntiyibuke ko gusubirayo bizasaba amikoro, agafata umutungo ungana kuriya akawikarira, ubwo uwo muntu murabona yacirwa urubanza ruteye rute ? Ese niba bashaka ko tuzasubira mu gihugu, ni kuki 1/2 cy'amafaranga babonye ngo bagisubize mw'isanduku ishobora kuducyura ? Nubwo amazina yose tutarayabona, reka tubanyuriremo ibimaze kwibwa no ku gurishwa. Amazina azatangazwe ari uko anketi yacu irangiye :

1) Amakamyo ya leta 610
2) Amavatiri ya leta 1380
3) Ikawa yavanywe ku GISENYI ikagurishwa amadorari asaza 300.000$
4) Icyayi cyari kibitswe i Mombasa cyo kigurishijwe nyuma kuko leta ya KENYA yari yacyimanye
5) Telefoni zigendanwa zari zaguriwe leta ubwo twiteguraga guhunga
6) Isukari yavanywe mu rwengero rwa BRALIRWA
7) KATERIPILARI zisiza imihanda
8) Ubutare bwari mu Rwanda bwose (MINERAIS) n'ibindi bikoresho bya leta
9) Amakamyo yose ya rukururana ya STIR n'umutungo wa Petrorwanda

Ibyo byose uburyo byagurishijwemo n'ababiguriahije, twarabimenye. Gusa anketi iracyakomeza. Tuzanareba niba ayo mafaranga yavanywe muri ibyo bintu yose yarariwe cyangwa akiriho azatugirire akamaro.

KANGURA

KA02 2135



## NTA MUNYEPOLITIKI W'UMUSWA, YABA UMUSIVILI CYANGWA UMUSIRIKARI TUGIKENEYE.

Iyo witegereje imikino irimo ikorwa, aha ndavuga iya politiki, ndavuga nk'abantu bagiye bashyirwa mu myanya y'ubutegetsi bwaba ubwa gisivili cyangwa ubwa gisirikari, bagashyirwamo kubera ubucuti bafitanye n'abatanga iyo myanya, abo rero nibo usanga nta bwenge bwo gushishoza bagira. Ugasanga ibintu bya leta byagombye kudufasha mu gutegura itahuka ryacu babigize ibyabo.

Wibaza abantu nkabo icyo bazatugezaho ukayoberwa. Hari abategetsi batazi iyo twavuye, iyo tuzajya, naho turi. Njye numva ko abantu nkabo, aho kuduteza igihe bagombye kwegura bakareka abaturage bagashyiraho abandi. Kandi ibyo bizakorwa mu nzego nyinshi. Ahubwo njye nsanga baba babaye intwari, beguye tutabibasabye. Si nduze amazina ariko buri muntu narebe arasanga bariho kandi ntacyo bazatugezaho. Nta muntu n'umwe tutabona ibikorwa bye. Natwe tuzi intari n'ibigwari.

Twe muri KANGURA nubwo turi mu buhungiro nta muswa n'umwe tuzemera ko akomeza kudutobera politiki. Abaturage bakeneye ababakorera politiki idafifitse. Nka ya yindi itegejeje aha mu nkambi turavizi. Abaswa bazababara, abo ko bazabyihanganire, kuko turabakeneye bo na babandi bamaze umutungo twahunganye.

## KANGURA YATANZE IMBABAZI.

Ba baswa bose biririwaga bamufunga, ba baswa bose biririwaga bampiga ngo nagomba kunyica, ba baswa bajabaga ibitero iwanjye ubu twarababababariye kuko twasanze barakoraga ibyo batazi. Bari batarasobanukirwa nuko ibibazo by'u Rwanda biteye. Muri bo harimo abagaragaje ubuswa kurusha abandi, nka Liyetona BIZUMUREMYI, nka Kapiteni HABIMANA n'abandi babatumaga. Ubu bose twarababababariye, ibyo bakoze bazabibazwa n'inkiko. Ubu twe turimo turakora akazi kacu, nabo bazakore akazi kabo maze abaturage aribo bazaduha amanota.

NGEZE HASSAN.

## ESE KOKO TUZATAHA MU MPERA Z'UYU MWAKA ?

Abantu bakimara gusoma KANGURA n° 60 aho twanditse ko abahutu bazarira ubunnani mu Rwanda, abantu bibajije byinshi. Bati, koko wa muragurzi wacu ubwo yateye umuyuzi, gutaha kwacu kuraba vuba. Reka ngire icyo mvuga

KA02 2136



kuri ubwo buhanuzi maze mushyitse umutima mu nda. Rubanda nyamwinshi ntijya itsindwa n'ubwo yahura n'ibibazo.

Amayobera mu guhunga kwacu: kuva isi yatangira nibwo byabaye ubwa mbere ubutegetsi buhindura imirishyo, aho kugira ngo abaturage babukomere amashyi bahisemo gusohoka bose, n'abasirikari bato biba bityo, aho gutera amasaruti ku bategetsi bashya, nabo bahitamo kwihungira. Ubwo abaturage bose, abasirikari, abacuruzi, n'abandi banyabwenge bose bahitamo guhunga umwanzi kuko bari bazi ivyo abatekerezaho. Kuva isi yabaho nibwo byari bibaye ubwa mbere? Ku buryo amafranga HCR yakoreshaga mu mwaka umwe, ubu isigaye iyakoresha mu cyumweru kimwe ku mpunzi z'abanyarwanda. Ni ukuvuga ko ingengo y'imari yari yarateganijwe ubu yashize. Ahubwo HCR ikaba ifata imyenda kugira ngo impunzi zibashe kuramuka. Iyo ukurikiraniye hafi inyo kibazo wakwibuka ko ingengo y'imari ikomoka cyane cyane ku musanzu w'ibihugu bikomeye, birimo Leta z'unze ubumwe z'Amerika, u Bufaransa, u Bwongereza ibyo bihugu bitazemera gutanga amafranga akubye inshuro zirenga 40 ayo byari bisanzwe bitanga ngo nukungira ngo impunzi z'abanyarwanda zikomeze kubaho mu buhungiro.

Ibihugu bitanga ayo mafranga biragira biti: ahubwo ayo mafranga angana atyo yatangwa mu yindi mishinga, naho ubundi abaturage bagataha. Ibyo bihugu bitanga urundi rugero biti: ubutegetsi bushya bwaje kudusaba amfashanyo yo kwubaka u Rwanda, maze babasubiza ko, baba bakina baramutse bibeshye bagatanga amafranga yo kwubaka u Rwanda, kandi bazi neza ko intambara itararangira. Kuko abazungu ubu bemeza ko, imishyikirano inaniranye, intambara ya rubanda nyamwinshi yokongera igatangira. Ubu amahanga arimo arakora ibishoboka byose ngo yumvishe runyenzi ko agomba kwemera gushyikirana. Ibyo nibidashoboka, abazungu bazatubera abagabo, maze dukore ibyo twese tuzaba twatekereje, kandi tuzaba dufitiye amikoro. Ibyo byose si kera ni vuba ahubwo mugomba guhora mwiteguye, kuko tutazemera na rimwe kuba impunzi z'igihe kirekire. Umwanzi wacu turamuzi, icyo tumutekerezaho twese ni kimwe. Kandi uko abahutu batinda mu buhungiro niko barushaho kumvako ntacyo bapfana na runyenzi.

Nimutegure abana banyu, abasore, inkumi. Abashinzwe uburyo tuzatahamo nabo babitegurane ubuhanga maze umunsi umwe tuzatahe mu gihugu cyacu. Imiryango tuzanyuramo, mu buryo bwa politiki, bizagera kuri 31/12/1994 yaragaragaye kandi ifunguye.

*Abumva murabe mwumvise.*

NGEZE HASSAN.

KA02 2137



## TWASUYE INKAMBI Z'IMPUNZI ZIBA MU MAHANGA

Mu rugendo dukubutsemo, dusura abanyarwanda baba mu mahanga, haba muri Gaon, muri Kenya, muri Zaïre, impunzi zose twabonanye, umugambi ni umwe, tugomba gutaha mu gihugu cyacu, kandi vuba. Intwaro zitabonetse vuba, abanyarwanda bashobora gukoresha izabo za gihanga ariko bagataha. Impunzi zo muri Zaïre, ahitwa i Kibumba, Mugunga, Katale 1 na Katale 2, zose hamwe zikabakaba milyoni ebyiri n'igice (2.500.000) zose ubu ngubu zibona imfashanyo y'ibiribwa, zifite n'mavuriro n'imiti ihagije. Ubu biragenda neza nta ndwara zibyorezo zikihaboneka. Iyo bose bageze muri burende zabo ikibazo ni kimwe ngo tugomba gutaha byanze bikunze mu buryo ubwo aribwo bwose. Abakozi bakorera impunzi, baba ari abanyarwanda b'impunzi, kandi agashahara kagiye gukuba inshuro eshatu ako bakoreraga mu Rwanda. Barasahuwe, baba abakire, baba abakene. Hari n'abavuga bati: twabuze aho duhungira.

## TWASUYE IMPUNZI ZIBA MURI KENYA

Kugeza ubu Kenya ifite impunzi z'abanyarwanda zikabakaba 3.420. Benshi muri bo biganjemo abanyabwenge, abacuruzi, n'abanyenganda bavuye mu Rwanda. Kugera ubu baboneka mu turere tuboneka mu nkengero z'umumujyi na Naïrobi. Abifite bagerageza gucumbika mu mahoteri bategereje kubona amacumbi ahwanye n'amikoro yabo. Bashyizeho uburyo bwo kubonana butagoranye, usibye ko bo bakiririrwe neza n'abandi bahutu babaga muri Kenya. Ntacyo babaye usibye indwara y'ubuhungiro.

## TWASUYE IMPUNZI ZO MURI GABON

Icyo gihugu cyo muri Afurika yo hagati gituwe n'abantu bake cyane. Ubu kimaze kugeramo abanyarwanda 731. Ubwo nanyuraga i Libreville, nabashije kugirana ikiganiro na bamwe mu banyarwanda bahaboneka, bambwira ko kugeza ubu, impunzi zimaze kuhagera ari abanyabwenge gusa. Doreko hari n'abamaze guhabwa akazi ko kwigisha muri kaminuza, no gukora mu yandi masosiyete ahaboneka. Akazi kukabona biroroshye, kuko icyo gihugu gikeneye abakozi. Ubuzima bwaho buragoye, kuko ibiribwa n'amacumbi bihenda, kandi abantu benshi bo muri icyo gihugu, ari ba nyamwigendaho. Hari na bamwe muri ba Minisitiri bacu bahageze bakaba barahawe akazi n'ubuhungiro.

KA02 2138



# TWASUYE IMPUNZI ZO MU BURUNDI

Mu ntara ya Ngozi muri Komini Gitwa impunzi zacu 50 zishwe n'ingabo z'abatutsi z'i Burundi.

Mu hihe twari tumaze gusura impunzi zacu ziri mu majyaruguru y'u Burundi mu ntara ya Ngozi, Muyinga na Kirundo, inkotanyi ziyobowe na Seth Sendashonga zagize uburakari bwo kubona tuzitanga gusura impunzi zacu ziba mu majyaruguru y'u Burundi. Nibwo amanisitri bane b'inkotanyi bacuze umugambi wo kwicisha zimwe mu mpunzi bagamije kuzitera ubwoba ngo zitahe. Ubwo amafranga y'akayabo ahbwa ingabo z'u Burundi zigizwe n'abatutsi ngo zizice abo bahutu bacu. Nibwo muri Komini Gitwa abasirikari badudubije ibisasu ku mpunzi bapfamo mirongo itanu. Ibyo byaje kubabaza ubuyobozi bwa HCR nibwo bubikozeho raporo nanubu tugitegereje icyo izatanga. Mu gihe impunzi zari zimaze kwicwa abaturage bagize uburakari biyemeza gufata abo baministri ho ingwate bari baje kuzikina ku mu byimba. Ubwo izo nkotanyi zari ziyobowe na Seth Sendashonga zarabimenye zihagarika urizinduko rwazo zari ziteganyije mu nkambi. Impunzi ziti, ariya maraso ntazapfa ubusa haba mu Burundi, Tanzaniya na Zaïre ahazagera abategetsi b'inkotanyi bazafatwaho ingwate bazira amaraso y'inzirakarengane.

Kugera ubu impunzi ziba i Burundi zahuye n'ibibazo kurusha izindi. Ntizisurwa n'abategetsi twahunganye. Impamvu nuko kunywura mu Burundi bigoye, cyane cyane iyo uri umuhutu ukomoka mu Rwanda. Izo mpunzi zimenya amakuru ari uko KANGURA yashotse izo mpunzi zageze i Burundi zivuye muri Ngenda, muriya, n'andi makomini afatanye mu Burundi. Ubu ziravurwa, zitaweho n'imiryango mpuza-mahanga ifasha impunzi. Ziri hagati y'abanzi gusa mu Rwanda zirahigwa bukware mu Burundi nako ni uko. Nubwo ziri mu bwigunge bwose, ntacyo bizibwiye kuko zitegereje ifirimbi ya nyuma maze tukajya kubokoza igihugu cyacu. Tuzakomeza kubagezaho uko zimerewe muri za nimero zacu z'ubutaha. Muri urwo rurinduko rwacu twabashije kubonana na ba Ambasaderi bahagarariye ibihugu byabo muri ibyo bihugu twasuraga. Nko muri Kenya, twabonanye n'uhagarariye H.C.R., tubonana n'uhagarariye leta zunze ubumwe z'Amerika, u Bufaransa, u Bubiligi, Tanzaniya na Zaïre. Mu bigabiro twagiranye byose, twasanze batangiye kumva.

Mu Burundi kubera ibibazo by'umutekano, twahisemo gusura impunzi zacu gusa. Muri Gabon twasuye uhagarariye H.C.R. dusura n'uhagarariye u Bufaransa, uzi neza u Rwanda. Aho hose impunzi zirabatashya, izi Uvira ziragira ziti kuki tudasururwa kenshi ?